REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KAMENA 2021

10 Nyakanga 2021

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KAMENA 2021

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2021. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byagabanutseho 0,2% mu kwezi gushize kwa Kamena 2021 ugereranyije na Kamena 2020.Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -0,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,2% mu kwezi kwa Kamena ni ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 13,9%.

Iyo ugereranyije Kamena 2021 na Kamena 2020, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 0,2%.

Wagereranya ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2021) n'ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2021), ibiciro byagabanutseho 0,2%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 0,8% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 0,5%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Kamena 2021, ibiciro mu byaro byazamutseho 0,3% ugereranyije na Kamena 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 0,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 0,3% mu kwezi kwa Kamena ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 4% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 6,6%.

Ugereranyije ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2021) n'ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2021) ibiciro byazamutseho 0,2%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,2%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Kamena 2021 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 0,1% ugereranyije na Kamena 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 0,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 0,1% mu kwezi kwa Kamena 2021 ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 5,3% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 4,4%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2021) n'ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2021) ibiciro ntibyahindutse.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2020 kugeza muri Kamena 2021.**

| **Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2020 kugeza muri Kamena 2021** *ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije* | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **2020** | | | | | | | **2021** | | | | | |
| | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 9,0 | 9,2 | 8,8 | 8,9 | 7,2 | 4,2 | 3,7 | 2,8 | 1,6 | 2,0 | 2,4 | -0,1 | -0,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 11,2 | 13,2 | 12,4 | 12,2 | 10,9 | 4,7 | 4,1 | 4,0 | 2,7 | 1,5 | 3,0 | 0,7 | 0,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 10,3 | 11,5 | 10,9 | 10,8 | 9,3 | 4,5 | 3,9 | 3,5 | 2,2 | 1,7 | 2,7 | 0,4 | 0,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | -0,2 | 0,2 | 0,5 | 1,0 | -0,9 | -1,0 | -0,8 | -0,3 | 0,4 | 1,4 | 0,2 | -0,5 | -0,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 0,6 | 1,6 | 1,7 | 2,0 | 0,6 | -0,7 | -1,7 | -1,2 | 0,5 | 1,4 | -1,6 | -2,5 | 0,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,2 | 1,0 | 1,2 | 1,6 | 0,0 | -0,8 | -1,3 | -0,8 | 0,5 | 1,4 | -0,9 | -1,6 | 0,0 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw